REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUREZI
IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO (NCDC)
PO BOX 608 KIGALI

AMABWIRIZA AJYANYE N'INTEGANYANYIGISHO YA ENTREPRENEURSHIP MU MASHURI YISUMBUYE

Muri gahunda nshya y'amasomo yatangiranye n'umwaka wa 2009, hashyizwemo inyigisho nshya ya *Entrepreneurship* mu byiciro byombi by'amashuri yisumbuye. Amabwiriza akurikira arasobanura uko integanyanyigisho ya *Entrepreneurship* zizakoreshwa mu cyiciro rusange no mu cyiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye mu mashami y'inyigisho rusange na TTC, n'igihe zizatangira kubazwaho mu bizamini bya Leta bisoza icyiciro.

I. ICYICIRO RUSANGE

Integanyanyigisho yatangiye gushyirwa mu bikorwa mu mwaka w'amashuri wa 2009. Izatangira kubazwaho mu bizamini bya Leta mu mwaka w'amashuri wa 2011.

II. ICYICIRO CYA KABIRI MU MASHAMI Y'INYIGISHO RUSANGE NA TTC

II.1. Ishyirwa mu bikorwa ry'Integanyanyigisho ya Entrepreneurship

Haba mu mashami y'inyigisho rusange cyangwa muri TTC, integanyanyigisho yatangiye gushyirwa mu bikorwa guhera mu mwaka w'amashuri wa 2010 ku buryo bukurikira :

a) Kubera ko TTC idahuje amasaha n`ayandi mashami yakorewe integanyanyigisho yayo.
b) Abanyeshuri bo mu cyiciro cya kabiri bose bazatangira gukurikira iriya nteganyanyigisho bayihereye kuy`umwaka wa kane,
c) Muri uyu mwaka w`amashuri wa 2010, abanyeshuri biga mu mwaka wa gatandatu baziga integanyanyigisho y`umwaka wa kane gusa,
d) Muri uyu mwaka w`amashuri wa 2010, abanyeshuri biga mu mwaka wa gatanu baziga integanyanyigisho y`umwaka wa kane na ho umwaka utaha wa 2011 mu mwaka wa gatandatu baziga integanyanyigisho y`umwaka wa gatanu.

II. 2. Ibizamini bya Leta bisoza amashuri yisumbuye

Haba mu mashami y'inyigisho rusange cyangwa muri TTC, integanyanyigisho izatangira kubazwaho mu bizamini bya Leta guhera mu mwaka w'amashuri wa 2012.

Bikorewe i Kigali, ku wa 17/03/2010

Charles GAHIMA
Umuyobozi Mukuru wa NCDC